Kuba navuga nti: SUB'HANALLAH, WAL HAMDULILLAH, WALA ILAHA ILA LLAH, WALLAHU AKBAR: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ishimwe ryuzuye niwe urikwiye, nta yindi mana ibaho ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah wenyine, Imana niyo nkuru, bindutira isi n'ibiyrimo byose

Hadithi yaturutse kwa Abi Hurayrat (Imana imwishimire) yaravuze ati: Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) yaravuze iti: "Kuba navuga nti: SUB'HANALLAH, WAL HAMDULILLAH, WALA ILAHA ILA LLAH, WALLAHU AKBAR: Ubutagatifu ni ubwa Allah, n'ishimwe ryuzuye niwe urikwiye, nta yindi mana ibaho ikwiye kugaragirwa by'ukuri usibye Allah wenyine, Imana niyo nkuru, bindutira isi n'ibiyrimo byose."
[Hadithi y'impamo] [Yakiriwe na Muslim]

Intumwa y'Imana (Imana iyihe amahoro n'imigisha) iragaragaza ko gusingiza Allah Nyir'ubutagatifu wifashishije aya magambo ahambaye ari byiza kuruta isi n'ibiyirimo. Ayo magambo akaba ari aya akurikira: SUBHANALLAH: Ni ugutagatifuza Allah ukamutandukanya n'inenge iyo ari yo yose. AL HAMDULILLAH: Ni ugusingiza Allah no kumuvuga ibigwi n'ibisingizo byuzuye hamwe n'urukundo n'icyubahiro akwiye. LA ILAHA ILA LLAH: Bisobanuye ko nta wundi mugaragirwa w'ukuri usibye Allah. ALLAHU AKBAR: Allah arahambaye kandi aruta buri icyo ari cyo cyose.

http://www.sunnah.global/hadeeth/rw/show/6211